



## ITANGAZO

### AMABWIRIZA YO GUSUBUKURA IMIRIMO Y'UBWUBATSU MU RWEGO RWO KWIRINDA IKWIRAKWIZWA RY'ICYOREZO CYA CORONAVIRUS

Icyorezo cya COVID-19 cyateye imbogamizi zitigeze kubaho mu mikorere y'Umujyi wacu no ku baturage muri rusange. Nk'uko byemejwe n'inama y'Abaminisitiri yo ku wa 30/04/2020, imirimo y'ubwubatsi irasubukurwa ku wa 04/05/2020. Umujyi wa Kigali wafashe ingamba zo kwirinda ikwirakwizwa ry'iyi virusi hagamijwe kurinda abatubage, abakozi, ndetse n'abafatanyabikorwa muri gahunda zitandukanye;

Umujyi wa Kigali urasaba ko kuri buri nyubako habaho umukozi wihariye ushinze gukurikirana ko abakozi bose bubahiriza amabwiriza akurikira:

### AMABWIRIZA RUSANGE YO GUSUBUKURA IMIRIMO Y'UBWUBATSU

1. Mu nama ya buri gitondo hagomba kwibukiranywa amabwiriza y'ubwirinzi kuri iki cyorezo, hanasuzumwa ko guhana intera mu bakozu byubahirizwa;
2. Muri izi nama za buri gitondo, ababashinze barasabwa kujya bibutsa abakozi ingamba zo kwirinda icyorezo cya koronavirusi ndetse bakanabagezaho amakuru agezweho kuri iki cyorezo;
3. Gutegura urutonde rugaragaza umwirondoro w'abakozi bose ndetse n'abashyitsi rukabikwa ahakorerwa imirimo y'ubwubatsi byibuze ibyumweru bine. Uru rutonde rugomba kugaragaza amazina, numero ya telefoni, hamwe n'aho abakozi cy'abashyitsi babarizwa/batuye;
4. Umukozi wihariye ushinze gukurikirana aya mabwiriza, azajya ahamagara umwirondoro wa buri mukozi uri ahakorerwa imirimo y'ubwubatsi, abe ari na we umusinyira ko yaje mu kazi;
5. Ahakorerwa imirimo y'ubwubatsi hose, hagomba gushyirwa amabwiriza yo kwirinda Covid-19 ku buryo bugaragarira buri wese;
6. Ahakorerwa imirimo y'ubwubatsi hagomba kugira ahantu habugenewe ho gukarabira intoki ndetse n'ibikoresho bikenerwa;
7. Gukora ibishoboka byose kugirango uburyo bwo guhana amakuru bugende neza kandi bitabangamiye izi ngamba z'ubwirinzi;
8. Abakozi ntabwo bemerewe gusohoka ahakorerwa imirimo y'ubwubatsi mu gihe cy'akazi, ibikenerwa byose bigomba kuba biri aho bakorerwa, cyakora bibaye ngombwa ko hari ujya hanze asabwe kugenda yambaye agapfukamunwa nyuma yo kumenyeshya umukozi ubashinze;
9. Nta muntu uturutse hanze wemerewe kuza ahakorerwa imirimo y'ubwubatsi atubahirije cy'ngo akurikize izi ngamba;
10. Mbere yo gusubukura imirimo y'ubwubatsi ku munsu wa mbere, abakozi bose bagomba gupimwa umuriro;
11. Abakozi baturuka hanze y'igihugu bagomba kwishyira mu kato mu gihe nibura cy'iminsi 14 nk'uko biteganywa n'amabwiriza ya Minisitiri y'ubuzima;

*Mu*



## Republic of Rwanda City of Kigali



12. Kwirinda ibikorwa bihuriza abantu hamwe hasigwa nibura intera ya metero ebyiri (2 m) cyane cyane mu gihe haba hari ugaragaza ibicurane n'inkorora nka bimwe mu bimenyetso;
13. Gukora inama hifashishijwe uburyo bw'ikoranabuhanga aho bishoboka hose;
14. Ahakoreshwa ibyuma bifasha abantu kuzamuka mu nyubako (Asanseri) ntibagomba kurenga ½ cg 50% yabo yajyaga itwara, by'akarusho hagakoreshwa ingazi (Esikariye);
15. Ikiruhuko n'uburyo abakozi basimburana mu kazi (*shifts*) bigomba kuba biteguye ku buryo bidahuriza abantu hamwe.

### **AMABWIRIZA YO KWINJIRA AHAKORERWA IMIRIMO Y'UBWUBATSU**

1. Amasaha yo gutangira akazi ahakorerwa imirimo y'ubwubatsi agomba kuba ateguye ku buryo abakozi batabyiganira aho binjirira. Ahagaragaye abakozi bakora bimwe kandi ahantu hamwe, bagomba kugabanywa bagashyirwa mu byiciro bitandukanye (*shift*);
2. Abakozi bakira ibikoresho biturutse hanze bagomba kwambara uturindantoki. Ibikoresho bikorehwa inshuro irenze imwe ntibigomba guhererekanywa, bigomba kubanza guhanagurwa hifashishijwe imiti yabugenewe;
3. Ibikoresho byose bigejejwe ahakorerwa imirimo y'ubwubatsi bikwiye kumara nibura umunsi umwe bitarakorwaho mu rwego rwo kurushaho kwizera ikorehwa ryabyo.

### **AMABWIRIZA YO KURINDA ABAKOZI**

1. Gupima umuriro buri muntu wese winjira cyangwa usohoka ahakorerwa imirimo y'ubwubatsi kugirango harebwe umuriro /ubushyuye bw'umubiri;
2. Mu gihe hari umukozi uvuye hanze akongera kugaruka ahakorerwa imirimo y'ubwubatsi, agomba kongera gupimwa umuriro;
3. Abakozi bose barasabwa kwambara udupfukamunwa. Mu gihe umukozi atabashije kubona agapfukamunwa, yakoresha akandi gatambaro apfuka umunwa n'amazuru. Abakozi baributswa ko gukorora cyangwa kwitsamura bagomba gukingaho inkokora;
4. Ntibyemewe gusuhuzanya abantu bahana ibiganza cyangwa bahoberana.

### **AMABWIRIZA Y'ISUKU RUSANGE AHAKORERWA IMIRIMO Y'UBWUBATSU**

1. Abakozi ntibagomba guhererekanya ibikoresho ndetse n'ibintu bibagenewe nk'ibiryo, amacupa y'amazi, telefoni zigendanwa, n'ibindi. Ibikoresho byose bigomba gusukurwa no kubikwa neza ahabugenewe;
2. Abakozi bagomba gukaraba intoki kenshi bakoresheje isabune n'amazi meza nibura mu gihe cy'amasegonda 40. Aho gukaraba intoki bidashoboka, hagomba gukoreshwa umuti ufite igipimo cy'alukolo irenga 70%. Kwirinda kwikora mu maso, ku mazuru cyangwa ku munwa n'intoki zidakarabye. Ababishinzwe bagomba guteganya ahantu hatandukanye ho gukarabira intoki harimo: aho kwinjirira, aho kuruhukira, aho amakamyi y'ibikoresho aparika, ku biro, hamwe n'aho basohokera bava ahakorerwa imirimo y'ubwubatsi;
3. Amafunguro agomba gufatirwa ahantu habugenewe, hubahirizwa intera hagati y'abantu.
4. Uburyo bwo gukoresha ubwogero n'ubwihereho bugomba kunozwa neza mu rwego rwo kwirinda ko abakozi benshi bahahurira, hanubahirizwa intera yabugenewe;



Republic of Rwanda  
City of Kigali



5. Hagomba gushyirwaho amakusanyirizo y'imyanda mu bice bitandukanye ateye ku buryo uzanyemo imyanda adakora kuri ibyo bikoresho;
6. Guhanagura imikono y'inzugi, iy'imodoka zikoreshwa ahakorerwa imirimo y'ubwubatsi, iy'ibinyabiziga byubaka ndetse n'ibikoresho bihererekanywa hakoreshejwe umuti wabugenewe mbere y'uko bikoreshwa n'abandi bakozi.

**AMABWIRIZA YO KWIRINDA**

1. Abakozi bose bubaka n'abubakisha barasabwa gukaraba neza intoki, cyangwa gukoresha umuti wabugenewe mbere yo kwinjira ahakorerwa imirimo y'ubwubatsi. Ubu buryo bugomba no gukurikizwa mu gihe umukozi asohotse hanze y'aho akorerwa. Umukoresha agomba guteganya ahantu ndetse n'ibikoresho bihagije byo kwifashisha mu gukaraba intoki;
2. Guhagarika abashyitsi batari ngombwa ahakorerwa imirimo y'ubwubatsi (harimo: abakozi bo ku biro bikuru, abunganizi n'abandi);
3. Gusukura / Gutera umuti buri muni ahakorerwa imirimo y'ubwubatsi, (harimo ibiro, aho bafatira amafunguro, inzira, ubwiherero, amarembo yinjira n'asohoka). Itsinda ribishinzwe rigomba guhabwa ibikoresho byabugenewe;
4. Kumanika ibyapa byanditswe mu rurimi rw'ikinyarwanda bisobanura uburyo bwo kwirinda iki cyorezo cya koronavirusi ahakorerwa imirimo y'ubwubatsi hose;
5. Kumanika ahakorerwa imirimo y'ubwubatsi nimero za telefoni z'ubutabazi harimo n'iz'inzeho zishinzwe kurwanya iki cyorezo cya koronavirusi.

**AMABWIRIZA YO KWITA KU MAZU Y'AGATEGANYO Y'AHAKORERWA UBWUBATSU**

1. Nta bashyitsi bemerewe kuhinjira;
2. Gusukura ku buryo buhoraho ahafatirwa amafunguro, ubwiherero, ubwogero ndetse n'ahandi hantu hose rusange;
3. Gukomeza ingamba zo gutera umuti ahacumbikirwa abakozi (bigakorwa mu byumba byose nibura rimwe mu cyumweru);
4. Gukomeza kubahiriza intera ya metero ebyiri (2 m) igihe bavuye mu byumba byabo;
5. Kubuza urujya n'uruza rw'abakozi hanze y'amacumbi yabo;
6. Hagize ikimenyetso cyose kigaragara kijyanye n'ubwandu bwa COVID-19, ako kanya bigomba guhita bimenyeshwa inzego zibishinzwe hakoreshejwe umurongo utishyurwa washyizweho ari wo 114.

Ugize ikibazo cyangwa ukeneye ibisobanuro bindi, ushobora guhamagara umurongo utishyurwa 3260, watwandikira kuri email [onestopcenter@kigalicity.gov.rw](mailto:onestopcenter@kigalicity.gov.rw) cyangwa ukandika SMS/WhatsApp kuri: +250 789 448 873.

Bikorewe i Kigali, ku wa 04/05/2020

**Dr. NSABIMANA Ernest**  
Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali wungirije  
ushinzwe Imiturire n'Ibikorwaremezo

